



Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

+ (250) 728636000 Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-rwanda.com - www.victoire-ingabire.com

Kigali – Rwanda

"Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l'Egalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

Kigali, kuwa 01 Kanama 2013.

Rwanda: Urubuga rwa politiki ruracyafunze.

Tariki ya 31 Nyakanga 2013 minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu MINALOC yashyikirije ikigo cy'igihugu cy'imiyoborere (Rwanda Governance Board-RGB) ububasha bwo kuba aricyo kizajya cyandika amashyaka. Minisitiri Musoni James akaba yarihandagaje akavuga ko icyi ari ikimenyetso ko mu Rwanda hari demokarasi. Ibi rero ntabwo ariko mu ishyamba FDU-Inkingi tubibona kubera impamvu zikurikira :

- a) RGB ni ikigo cya leta, politiki kigenderaho ni iza guverinoma, icyi kigo nticyigenga.
- b) RGB ni ikigo cya leta cyashyirirweho kubera leta ijisho mu gucunga amadini, itangazamakuru, imiryango itegamiye kuri leta, n'amashyamba ya politiki.
- c) Itegeko rishya rigenga amashyamba ya politiki rivugaga ko bitakiri itegeko kujya muri forum y'amashyamba nk'uko biteganywaga n'ingingo ya 56 y'itegekonshinga, ariko iyi ngingo ntiyigeze ivanwaga cyangwa ngo ihindurwe mu itegekonshinga.
- d) Kugirango ishyamba rijye kwiyandikisha rigomba kubanza gukoresha inama yaryo ya mbere rifite uruhushya rutangwa n'inzego z'ibanze z'aho ishyamba riteganyaga gukorera iyo nama. Ariko nk'uko byagaragaye, iza nzeho z'ibanze ntizemera gutanga impushya. Mu mwaka wa 2010 abayobozi b'ishyamba FDU-Inkingi twanditse inshuro zirenze 4 batwima uruhushya, ku mpamvu zitumvikana zinyuranye n'itegekonshinga ry'igihugu cyacu.

Iyi leta noneho ubu igeze ku rwego rwo gufata umuntu wese wahuye cyangwa wavuganye n'umuntu uba mu ishyamba ritavugaga rumwe na leta ya FPR, ikifashisha inkiko zayo ikamukatira gufungwa imyaka ibiri cyangwa irenze ngo mu rwego rwo guhagarika burundu abashakira kunyuranya n'ishyamba rya FPR! Ibi nibyo byabaye mu minsi yashize ku baturage barindwi bo muri District ya Rutsiro baherutse gukatirwa n'inkiko z' Rwanda igifungo cy'imyaka 2 kubera ko bahuye na Bwana Sylvain Sibomana, Umunyamabanga Mukuru w'agateganyo wa FDU-INKINGI.

Kubera izo mpamvu zivuzwe hejuru :

+ (250) 728636000 Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> -

Follow us **on Twitter:** <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

- Birakwiriye ko ubutegetsu bwa FPR-Inkotanyi bwemera ko mu gihugu cyacu tureka ibyo kujijisha abanyarwanda n'isi yose tubereka amashyamba menshi ariko ya baringa (multipartisme de facade). Ni ngombwa kureka amashyamba menshi yigenga akabaho, hakabaho ubwisanzure n'uburenganzira bwo kwishyira hamwe ndetse n'ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo.
- Turongera gusaba leta ya FPR-Inkotanyi kureka abayobozi b'amashyamba atavugaga rumwe nayo bese ubu bafunze ndetse n'abandi barwanashyamba bese bazira kuba barakoresheje uburenganzira bwabo bemererwa n'amategeko.

FDU-Inkingi

Boniface Twagirimana

Visi Perezida w'agateganyo